

<p>AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 002/MIN/022 YO KU WA 18/04/2022 AGENA IBYO ABAHANGA MU BY'UBWUBATSI BARI MU CYICIRO CYA 5 , ICYA 6 N'ICYA 7 BAGOMBA KUBA BUJUJE N'IMIRIMO Y'UBWUBATSI BEMEREWE GUKORA</p>	<p>MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° 002/MIN/022 of 18/04/2022 DETERMING REQUIREMENTS FOR TECHNOLOGISTS AND TECHNICIANS OF LEVEL 5, 6 AND 7, AND CONSTRUCTION SERVICES THEY ARE AUTHORISED TO PERFORM</p>	<p>INSTRUCTIONS MINISTÉRIELLES N° 002/MIN/022 DU 18/04/2022 DÉTERMINANT LES EXIGENCES DES TECHNOLOGUES ET TECHNICIENS DE NIVEAU 5, 6 ET 7 ET DES SERVICES DE CONSTRUCTION QU'ILS SONT AUTORISÉS À EFFECTUER</p>
<p style="text-align: center;"><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p style="text-align: center;"><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p style="text-align: center;"><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere:</u></b> Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gukora imirimo y'ubwubatsi ikorwa n'abahanga mu by'ubwubatsi bari mu cyiciro cya 7</p>	<p><b><u>Article One:</u></b> Requirements for admission to practice construction services for technologists of level 7</p>	<p><b><u>Article premier:</u></b> Conditions d'admission à l'exercice des services de construction pour les technologues de niveau 7</p>
<p><b><u>Ingingo ya 2:</u></b> Imirimo y'umuhanga mu by'ubwubatsi uri mu cyiciro cya 7</p>	<p><b><u>Article 2:</u></b> Construction services for a technologist of level 7</p>	<p><b><u>Article 2:</u></b> Services de construction pour un technologue de niveau 7</p>
<p><b><u>Ingingo ya 3:</u></b> Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gukora imirimo y'ubwubatsi ikorwa n'abahanga mu by'ubwubatsi bari mu cyiciro cya 6</p>	<p><b><u>Article 3:</u></b> Requirements for admission to practice construction services for technicians of level 6</p>	<p><b><u>Article 3:</u></b> Conditions d'admission à l'exercice des services de construction pour les techniciens de niveau 6</p>
<p><b><u>Ingingo ya 4:</u></b> Imirimo y'umuhanga mu by'ubwubatsi uri mu cyiciro cya 6</p>	<p><b><u>Article 4:</u></b> Construction services for a technician of level 6</p>	<p><b><u>Article 4:</u></b> Services de construction pour un technicien de niveau 6</p>
<p><b><u>Ingingo ya 5:</u></b> Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gukora imirimo y'ubwubatsi ikorwa n'abahanga mu by'ubwubatsi bari mu cyiciro cya 5</p>	<p><b><u>Article 5:</u></b> Requirements for admission to practice construction services for technicians of level 5</p>	<p><b><u>Article 5:</u></b> Conditions d'admission à l'exercice des services de construction pour les techniciens de niveau 5</p>

<p><b><u>Ingingo ya 6:</u></b> Imirimo y'umuhanga mu by'ubwubatsi uri mu cyiciro cya 5</p> <p><b><u>Ingingo ya 7:</u></b> Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa</p>	<p><b><u>Article 6:</u></b> Construction services for a technician of level 5</p> <p><b><u>Article 7:</u></b> Commencement of these instructions</p>	<p><b><u>Article 6:</u></b> Services de construction pour un technicien de niveau 5</p> <p><b><u>Article 7:</u></b> Entrée en vigueur des présentes instructions</p>
--	--	--

<p><b>AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 002/MIN/022 YO KU WA 18/04/2022 AGENA IBYO ABAHANGA MU BY'UBWUBATSI BARI MU CYICIRO CYA 5 , ICYA 6 N'ICYA 7 BAGOMBA KUBA BUJUJE N'IMIRIMO Y'UBWUBATSI BEMEREWE GUKORA</b></p> <p><b>Minisitiri w'Ibikorwa Remezo;</b></p> <p>Amaze kubona ko amategeko ariho agenga imyubakire mu Rwanda yibanda ku banyamwuga bafite nibura impamyabumenyi ya Kaminuza mu by'ubwubatsi;</p> <p>Amaze kubona ko hari abanyamwuga mu by'ubwubatsi bo mu cyiciro cya 5, icya 6 n'icya 7 batarebwa n'amategeko agenga imyubakire, kandi nta n'ubundi buryo buteganyijwe bwo kubakurikirana no gutuma babazwa ibyo bakora mu bwubatsi;</p> <p>Amaze kubona ko uburyo bw'ikoranabuhanga mu gusaba impushya zo kubaka mu Gihugu butabemera nk'abanyamwuga mu by'ubwubatsi;</p> <p>Amaze kugisha Inama Minisitiri w'Uburezi;</p>	<p><b>MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° 002/MIN/022 OF 18/04/2022 DETERMING REQUIREMENTS FOR TECHNOLOGISTS AND TECHNICIANS OF LEVEL 5, 6 AND 7, AND CONSTRUCTION SERVICES THEY ARE AUTHORISED TO PERFORM</b></p> <p><b>The Minister of Infrastructure;</b></p> <p>Considering that existing laws governing building in Rwanda focus on professionals with at least a university degree in civil engineering;</p> <p>Considering that there are building professionals who are at grades 5, 6 and 7 who are not covered by laws governing building in Rwanda, and there is no provided way for monitoring them and hold them accountable in their building works;</p> <p>Considering that the building permit online application system does not recognise them as building professionals;</p> <p>Upon consultation with the Minister of Education;</p>	<p><b>INSTRUCTIONS MINISTÉRIELLES N° 002/MIN/022 DU 18/04/2022 DÉTERMINANT LES EXIGENCES DES TECHNOLOGUES ET TECHNICIENS DE NIVEAU 5, 6 ET 7 ET DES SERVICES DE CONSTRUCTION QU'ILS SONT AUTORISÉS À EFFECTUER</b></p> <p><b>Le Ministre des Infrastructures;</b></p> <p>Considérant que les lois en vigueur régissant la construction au Rwanda se concentrent sur les professionnels ayant au moins un diplôme universitaire en génie civil ;</p> <p>Considérant qu'il existe des professionnels en construction de grades 5, 6 et 7 qui ne sont pas couverts par les lois régissant la construction au Rwanda, et qu'il n'existe aucun moyen prévu pour les surveiller et les tenir responsables de leurs travaux de construction ;</p> <p>Considérant que le système de demande en ligne de permis de construction ne les reconnaît pas comme les professionnels en construction;</p> <p>Après consultation avec le Ministre de l'Éducation;</p>
---	--	--

<p><b>ASHYZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:</b></p>	<p><b>ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:</b></p>	<p><b>ÉMET LES INSTRUCTIONS SUIVANTES :</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere:</u></b> Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gukora imirimo y'ubwubatsi ikorwa n'abahanga mu by'ubwubatsi bari mu cyiciro cya 7</p> <p>Kugira ngo umuntu yemererwe gukora imirimo y'ubwubatsi mu Rwanda ikorwa n'abahanga mu by'ubwubatsi bari mu cyiciro cya 7, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1 ° kuba ari Umunyarwanda;</li> <li>2 ° kuba afite impamyabumenyi iri ku rwego rwa 7 mu by'ubwubatsi;</li> <li>3 ° kuba ari mu Rugaga rw'Abahanga mu by'Ubwubatsi; no</li> <li>4 ° kuba yujuje ibindi bisabwa n'amategeko y'Urugaga rw'Abahanga mu by'Ubwubatsi.</li> </ul>	<p><b><u>Article One:</u></b> Requirements for admission to practice construction services for technologists of level 7</p> <p>For a person to be authorised to practice the construction services for technologists of level 7 in Rwanda, the person must comply the following:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1 ° to be a Rwandan;</li> <li>2 ° to hold an Advanced Diploma in construction technology;</li> <li>3 ° to be member of the Institute of Engineers; and</li> <li>4 ° to fulfill other conditions as set out by the rules of the Institute of Engineers.</li> </ul>	<p><b><u>Article premier :</u></b> Conditions d'admission à l'exercice des services de construction pour les technologues de niveau 7</p> <p>Pour qu'une personne soit autorisée à exercer des services de construction pour les technologues de niveau 7 au Rwanda, elle doit remplir les exigences suivantes :</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1 ° être de nationalité rwandaise;</li> <li>2 ° être titulaire d'un diplôme de niveau 7 en technologie de construction;</li> <li>3 ° être membre de l'Ordre des Ingénieurs; et</li> <li>4 ° remplir d'autres conditions prévues par les règles de l'Ordre des Ingénieurs.</li> </ul>
<p><b><u>Ingingo ya 2:</u></b> Imirimo y'umuhanga mu by'ubwubatsi uri mu cyiciro cya 7</p> <p>Imirimo y'ingenzi y'umuhanga mu by'ubwubatsi uri mu cyiciro cya 7 ni iyi ikurikira:</p>	<p><b><u>Article 2:</u></b> Construction services for a technologist of level 7</p> <p>The main construction services for a technologist of level 7 are the following:</p>	<p><b><u>Article 2 :</u></b> Services de construction pour un technologue de niveau 7</p> <p>Les services principaux de construction pour un technologue de niveau 7 sont les suivants :</p>

*Official Gazette n° 16 bis of 18/04/2022*

<p>1 ° gukora inyigo z’ibyoy afitiye impamyabumenyi;</p> <p>2 ° gutekereza no guteganya imiterere y’inyubako;</p> <p>3 ° gukurikirana imirimo y’inyubako;</p> <p>4 ° gusaba impushya zo kubaka inyubako zo mu cyiciro cya 2 n’icya 3 yemerewe kubaka;</p> <p>5 ° gukora imirimo y’ubwubatsi ku nyubako zose zo mu cyiciro cya 1, icya 2 n’icya 3; no</p> <p>6 ° gukora indi mirimo y’ubwubatsi ijyanye n’ibyoyize ku bindi byiciro by’inyubako ayobowe n’ubifitiye ububasha.</p>	<p>1 ° to conduct technical studies of his or her qualification;</p> <p>2 ° to do the structural design and planning;</p> <p>3 ° to supervise construction works of buildings;</p> <p>4 ° to apply for construction permits for building category 2 and 3 permitted for;</p> <p>5 ° to perform construction works for all buildings in category 1, 2 and 3; and</p> <p>6 ° to carry out other construction works related to his or her field on other categories of the building under the supervision of the competent person.</p>	<p>1 ° réaliser les études techniques de sa qualification;</p> <p>2 ° faire la conception et la planification structurales;</p> <p>3 ° faire la supervision des travaux de construction;</p> <p>4 ° demander des permis de construire au catégorie 2 et 3 du bâtiment autorisé pour la construction;</p> <p>5 ° effectuer des travaux de construction pour tous les bâtiments de catégorie 1, 2 et 3; et</p> <p>6 ° effectuer d’autres travaux de construction liés à son domaine sur d’autres catégories du bâtiment sous la supervision de la personne compétente.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gukora imirimo y’ubwubatsi ikorwa n’abahanga mu by’ubwubatsi bari mu cyiciro cya 6</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Requirements for admission to practice construction services for technicians of level 6</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Conditions d’admission à l’exercice des services de construction pour les techniciens de niveau 6</u></b></p>
<p>Kugira ngo umuntu yemererwe gukora imirimo y’ubwubatsi mu Rwanda ikorwa n’abahanga mu by’ubwubatsi bari mu cyiciro cya 6, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:</p>	<p>For a person to be authorised to practice construction services for technicians of level 6 in Rwanda, the person must comply with the following:</p>	<p>Pour qu’une personne soit autorisée à exercer des services de construction pour les techniciens de niveau 6 au Rwanda, elle doit remplir les exigences suivantes :</p>

<p>1 ° kuba ari Umunyarwanda;</p> <p>2 ° kuba afite impamyabumenyi iri ku rwego rwa 6 mu by'ubwubatsi;</p> <p>3 ° kuba ari mu Rugaga rw'Abahanga mu by'Ubwubatsi; no</p> <p>4 ° kuba yujuje ibindi bisabwa n'amategeko y'Urugaga rw'Abahanga mu by'Ubwubatsi.</p>	<p>1 ° to be a Rwandan;</p> <p>2 ° to hold a diploma of level 6 in Construction Technology;</p> <p>3 ° to be member of the Institute of Engineers; and</p> <p>4 ° to fulfill other conditions as set out by the rules of the Institute of Engineers.</p>	<p>1 ° être de nationalité rwandaise;</p> <p>2 ° être titulaire d'un diplôme de niveau 6 en technologie de construction;</p> <p>3 ° être membre de l'Ordre des Ingénieurs; et</p> <p>4 ° remplir d'autres conditions prévues par les règles de l'Ordre des Ingénieurs.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Imirimo y'umuhanga mu by'ubwubatsi uri mu cyiciro cya 6</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Construction services for a technician of level 6</u></b></p>	<p><b><u>Article 4 : Services de construction pour un technicien de niveau 6</u></b></p>
<p>Imirimo y'ingenzi y'umuhanga mu by'ubwubatsi uri mu cyiciro cya 6 ni iyi ikurikira:</p>	<p>The main construction services for a technician of level 6 are the following:</p>	<p>Les services principaux de construction pour un technicien de niveau 6 sont les suivants :</p>
<p>1 ° kubaka no gukurikirana imirimo y'inyubako yo mu cyiciro cya 1 n'icya 2;</p>	<p>1 ° to do construction and supervision of building works of category 1 and 2;</p>	<p>1 ° faire la construction et la supervision des travaux de construction des bâtiments de catégorie 1 et 2;</p>
<p>2 ° gukora imirimo y'ubwubatsi ku nyubako zose zo mu cyiciro cya 1 n'icya 2 hamwe n'inyigo zazo ;</p>	<p>2 ° to perform construction works for all buildings in category 1 and 2 as well as performing their structural designs;</p>	<p>2 ° effectuer des travaux de construction pour tous les bâtiments de catégorie 1 et 2 ainsi que leurs conceptions structurelles;</p>
<p>3 ° gusaba impushya zo kubaka ku nyubako zo mu cyiciro cya 1 n'icya 2; no</p>	<p>3 ° to apply for construction permits for building in category 1 and 2; and</p>	<p>3 ° faire une demande de permis de construire pour un bâtiment de catégorie 1 et 2; et</p>

<p>4° gukora indi mirimo y'ubwubatsi ijyanye n'ibyo yize ku bindi byiciro by'inyubako ayobowe n'ubifitiye ububasha.</p> <p><b><u>Ingingo ya 5:</u> Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gukora imirimo y'ubwubatsi ikorwa n'abahanga mu by'ubwubatsi bari mu cyiciro cya 5</b></p> <p>Kugira ngo umuntu yemererwe gukora imirimo y'ubwubatsi ikorwa n'abahanga mu by'ubwubatsi bari mu cyiciro cya 5 mu Rwanda, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:</p> <p>1° kuba ari Umunyarwanda;</p> <p>2° kuba afite impamyabushobozi yo ku rwego rwa 5 mu by'ubwubatsi yahawe n'Ishuri ry'Imyuga n'Ubumenyigiro ryemewe n'amategeko cyangwa A2 mu by'ubwubatsi;</p> <p>3° kuba ari mu Rugaga rw'Abahanga mu by'Ubwubatsi; no</p> <p>4° kuba yujuje ibindi bisabwa n'amategeko y'Urugaga rw'Abahanga mu by'Ubwubatsi.</p>	<p>4° to carry out other construction works related to his or her field on other categories of the building under the supervision of the competent person.</p> <p><b><u>Article 5:</u> Requirements for admission to practice construction services for technicians of level 5</b></p> <p>For a person to be authorised to practice construction services for technicians of level 5 in Rwanda, the person must comply with the following:</p> <p>1° to be a Rwandan;</p> <p>2° to hold a certificate of level 5 in construction works from a legally recognised Technical and Vocational Education and Training or A2 in Construction;</p> <p>3° to be member of the Institute of Engineers; and</p> <p>4° to fulfill other conditions as set out by the rules of the Institute of Engineers.</p>	<p>4° effectuer d'autres travaux de construction liés à son domaine sur d'autres catégories du bâtiment sous la supervision de la personne compétente.</p> <p><b><u>Article 5 :</u> Conditions d'admission à l'exercice des services de construction pour les techniciens de niveau 5</b></p> <p>Pour qu'une personne soit autorisée à exercer des services de construction pour les techniciens de niveau 5, elle doit remplir les conditions suivantes :</p> <p>1° être de nationalité rwandaise;</p> <p>2° être titulaire d'un certificat de niveau 5 aux travaux techniques d'une École Technique et Professionnelle légalement reconnue ou A2 en construction;</p> <p>3° être membre de l'Ordre des Ingénieurs; et</p> <p>4° remplir d'autres conditions prévues par les règles de l'Ordre des Ingénieurs.</p>
---	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 6: Imirimo y’umuhanga mu by’ubwubatsi uri mu cyiciro cya 5</u></b></p> <p>Imirimo y’ingenzi y’umuhanga mu by’ubwubatsi uri mu cyiciro cya 5 ni iyi ikurikira:</p> <p>1 ° gukora imirimo y’ubwubatsi ku nyubako zose zo mu cyiciro cya 1 n’icya 2; no</p> <p>2 ° gukora indi mirimo y’ubwubatsi ijyanye n’ibyo yize ku bindi byiciro by’inyubako ayobowe n’ubifitiye ububasha.</p> <p><b><u>Ingingo ya 7: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa</u></b></p> <p>Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku muni atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 6: Construction services for a technician of level 5</u></b></p> <p>The main Construction services for a technician of level 5 are the following:</p> <p>1 ° to perform construction works for all buildings in category 1 and 2; and</p> <p>2 ° to carry out other construction works related to his or her field on other categories of the building under the supervision of the competent person.</p> <p><b><u>Article 7: Commencement of these instructions</u></b></p> <p>These instructions come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 6 : Services de construction pour un technicien de niveau 5</u></b></p> <p>Les services principaux de construction pour un technicien de niveau 5 sont les suivants :</p> <p>1 ° effectuer des travaux de construction pour tous les bâtiments de catégorie 1 et 2; et</p> <p>2 ° effectuer d’autres travaux de construction liés à son domaine sur d’autres catégories du bâtiment sous la supervision de la personne compétente.</p> <p><b><u>Article 7: Entrée en vigueur des présentes instructions</u></b></p> <p>Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	---	---



Kigali, 18/04/2022

(sé)

**Dr NSABIMANA Ernest**  
Minisitiri w'Ibikorwa Remezo  
Minister of Infrastructure  
Ministre des Infrastructures

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**  
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**  
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux